



Nzeri 2022

ikinyarwanda

**Iyo babiri cyangwa batatu
bateraniye hamwe mu izina
ryanjye, mba ndi aho hagati yabo.**

(Mt 18,20)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

“1+1 = 3“

Nshuti bakunzi b'Ijambo,

yifuzaga kugumana na bo iteka. Yari yariyumvishije ko batamufite baba babaye intabwa. Gusa nk'uko umuntu wese hano ku isi ahamara igihe ntarengwa, ni na ko byari bimeze kuri Yezu. Yagombaga gupfa. Yaturutse ku Mana, yo Rukundo kandi kuri yo nyine ni ho yagombaga gusubira. Yumvaga yagenda ariko kandi akumva yanahaguma. Iri yobera yashatse kuryumvisha inshuti ze“.

Ku mugoroba ubanziriza umunsi yatanzeho, yaberetse icyo urukundo nyakuri ari cyo. Yabogeye ibirenge bityo abaha urugero rw'urukundo ruhanga abandi. Yabatumiriyeye gukurikiza urwo rugero no kujya babana muri urwo rukundo. Muri icyo gikorwa ni ho hari urufunguzo rw'yobera ry'uko Imana iri hagati yabo. Ahantu hose ku isi abantu babanye muri urwo rukundo, ni we, we Rukundo uba uri hagati yabo. Aba ahari n'ubwo ataboneshwa amaso y'umubiri, atanga urumuri n'umucyo utari uhari mbere, atanga ibyishimo bihindura imitima, atanga amahoro asogongeza ku buzima bw'iteka. Aho abantu bateraniye, bahujwe n'urukundo nyakuri rwitangira abandi, mu Izina ry'Imana, Yezu aba ahari. Ni uko rero $1 + 1 = 3$. Wowe nanjye hamwe na Yezu hagati yacu.

Tomáš arudutekerereza: „Nari mpangayitse cyane mu mutima wanjye. Hari ikosa nari nakoze nyuma yaho numva nsa nk'aho ndi nnyenyine. icyaha kikujyana iteka mu bwigunge. Byari bingoye kuba hari uwo nagirira icyizere nkatinyuka kumubitsa ibanga nkabimutekerereza. Igihe kimwe nashoboye gusobanukirwa ko: Urukundo rumpatira kubitekerereza inshuti. Numvise nshaka kumuhishurira uruhanga rwijimye rw'ubuzima bwanjye. Ni uko nandika Emeyili ndende muramburira byose byari kuri roho yanjye. Igisubizo cyari ngitegerezanyije amatsiko avanze n'ubwoba. Yansubije byihuse. Yanyumvishije umutima w'impuhwe n'urukundo yari amfiteye. Yarampamagaye tuvugana umwanya munini. Yego si ko byose byahereye ko bikemuka, ariko buri munota numvaga ukuntu umutima wanjye wagenda wuzura ibyishimo n'amahoro bisendereye. Numvaga neza ko Yezu ari hagati yacu. Numvise ko twari batatu. Inshuti yanjye, njyewe na Yezu wari uhari ataraboneshwaga amaso: **1 + 1 = 3.**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker